

17051

INKWANO, GUHALIKA

na

G U T A N A

Si umugani nce cyangwa se natiliwe
Si ibyo mhimba cyangwa se mhimbiwe
Ni ibi byose mwibonera biburabuza bamwe mu banyarwanda

"Mugore w'intwali" ntihira bese

Kandi inkwano ei cyo kibazo

"Mugabo nta nenge" iragatabwa

Niyo itaguhelitse iragucenda

Nyirandushyi umukobwa wa Bicaniro na Kibugireye akubise
inshuro abo kwa Rukingishakibando.

Mherutse kuva mu Mutara wa Byumba nkuganira iy'i Buberuka. Ngo nkugerere muli Komina Buyoga buti ba ! Mu kanya gato umwijima uba uraja, mbura hepfo mbura haruguru. Ubwo nali ngeze ahantu harambaraye, mu mbinga y'umusozi witwe Sayo. Ngira Imana ukwezi kurarasa. Urugendo rwali rumaze kumaniza, nshaka kwicara. Mu gihe nkirambarara mu gacaca kali aho, numva umuntu aransuhuje, ati : "Muraho shereja!" Ndikanga kubera ko ntali nitexe ko heba umuntu hafi aho.

"Muraho musaza. Alike se ubwiwe n'iki ko ndi Sergeant?"

"Shyuhuhuu... Uno musore ! Ingoma y'ubu yajijuye n'abasaza ! Bambwiye ko urugagade rwa mbere ari Kaparayi, hagataho Shereja. Nanze zero wowe uzifite zombi. Dore ndabona urugagade rwa mbere bararushyize ku maboko, ufwa kabili ku ntugu. Nabonye abasilikare benshi; aliko ntawe ndabona ufite urusa n'urwo rwawe rwo ku rutugu. Ndabona aliko dufite inzira imwe, reka dufatanye urugendo".

"Erega nali nabuze n'uncumbikira, ndabona utajya kura reka nze dusi-ndagirane".

"Kaze neza ngabo y'igihugu, inyangerwanda yonyine ni yo yakwanga".

Ubwo umurambo w'agasozi twurungira ntabizi, numvise gusa manuka ka gasozi. Ubwo dutangira inzira ari, aliko igicu gitamuruka ku kwezi kuratuboneshereza.

"Yawe sheri! Erega ndi Kaporali sindi Sergeant !"

"Ese ko mwene Nkusi hepfo haliya mu Gatiba nawe bamwita Kaparayi, kandi akaba adafite ako kera ku rutugu ! Ahali se ni iby'abasaza ndaba nabi!"

"Ntabwo bakubashye Segoku..!"

"Abasore b'ubu nabo.., sindesaze byo kwitwa ntyo. Mu gufata isuka ndi mu ba mbere ! Mu muganda ndusha abasore nka mwe.. Mbwire nyabu.. Neobanulira ntalibagirwa. Halya ngo ntibambeshye!"

"Ntabwo bakubashye!" Uwo mukaporali niwe, nanjya kandi ndiwe. Aka karongo kura ku rutugu mfite, kavuga ko niga mu ishuli likuru lya gisilikare".

"Eee.. Numva ngo ni ESIMU... ESUMI...Eee!"

"Ni ESEMU".

"Yego wakabyara we!" Alike nka kiliya kigolyi cyanjye, abandi bize kilihe, cyabuze n'ubwajya mu busilikali! Ko yari agizwe na baremukazi be nzaba ndaba. Ngo icyo ESEMI ni nka Inevereseti na ?"

"Cyane rwose!"

"Ee, noneho mwiga byinshi. Ubwo mwiga muli abasilikali mwigira rero kube ba Mojoro na ba Koronel... hajuru icyo mbese ! Yawe, muzasazira mu mashuri!"

Abaganira ntibamenya ko bagenda, ubwo twageze mu kabande ka Sayo na Mwumba ariho bita mu Gatiba; mu kanya tugera ku rugo zuli hafi y'umugezi uhogera. Umusaza arahagarara areba mu rugo....

"Ese mama bya bigolyi ntibyagiye kwinywera, cyangwa ubu byasinziliye, ni amahane kubibyutse. Mbabajwe iyo mba umutunzi uwali kujya antambu- tse imyugaliro ! Narakoze mba Mukingishakibando. Bulya ngo izina ni iyo muntu, na data yarabimenye aba alilyo zina anyita".

Ubwo iby'ubusinzi cyangwa se akamenyere, biziramo, dore ko yali yasomye akagwa, atera hajuru akubita akavugilizo, yongeraho akalirimbo: "Ti ye mugore mwizaa... Utatse iki shengee... umuhigo uratashye... ibwami baraho... ye Nyanzira yanjye najee..."

Umugore yumva nk'ejo, aba ari mu mbuga aubizira umugabo ibi bya gishaga :

"Rukingishakibando, ndambiwe guhora numva unyabiza ku karubanda. Wasinze, cyangwa wasaze ? Reka ikibondo cyawe kigukulikize, ubonye ili joro mundaje, bahungu mwe !"

"Ceceka wa mugore wa... Ndebisabye wowe n'insore zawe, mbwira iyo ziliwe..."

Mu gihe akivuga atyo, uwitwa Gahuru aba yahagaze aturutse munsu y'urugo, yiyamilira ati :

"Niba nanyoye nawe niyo uvuye. Ubu narubatwikiramo nkigira Bugande cyangwa i Kigali. Mwansanga yo ! Abandi mwabahaye abagore bananirwa kubatunga, jyawe mwamunshakiye akananira namubonye, aho kujya muntuka buli munsu".

Mukuru wa Ruticumugambi yumva nk'ejo, aliko igihe agiye gutera ijwi hajuru yumva se na murumuna wa bakumbagaranye mu mbuga. Ubwo Gahuru se yali amakojeje agakoni agira ati : "Ceceka eyi !" Gahuru ahubuza se no hasi ngo pa ! Igihe njya kuramira umusaza mfata ubusa. Ruticumugambi nawe ahubuka mu nzu nk'iya batera ankubita inkokora ku zuzu atambonye ngwa hilya sinamenya ibyabaye; naje kubona Ruticumugambi na se baze kunyagura. Gahuru yatorotse. Naho se :

"Aba bakenya nzabagira nte n'umushyitsa ari akavuye hilya y'umusizi ntabakenge Ndamubwira ejo azabangereze ibutware mwogahamba mwe !"

Ubwo amaraso yamvaga mu mazuru aliko ndayazimangatenye, no kwihangana bilimo. Bamaze kumenya banyakirana ubwuzu bwinshi. Baranzimanira umugore igicuma cy'urwagwa arakizana, dore ko urutoki rwabo rwerega nk'inka ikamwa.

Turanywa bishyira kera, ahubwo bigera aho numva kanzengereza. Umusaza abibona nk'ejo yibuka ko mu gitondo mfite urugendo.

"Halya urugendo rwawe rugerukira he ?"

"Ndagera iliya mu Suberuka musa !"

"Noneho byali byiza kuruhuka. Ejo mu museso uwo musore ndamuguhaye akwereke inzira anakurenze umuserege uli mu gishanga hepfo halya.

Ubwo uradusezeraho mu museso. Saa moya muraba mwambutse igishanga."

Njyana na Ruticumugambi iwe haruguru. Ngezeyo neanga inzu ye itegira umugore, ubwo turaryamba, ntihagira uvugisha undi akayoga kali katulimo karanadusinziliza. Bigeze nko mu isakumi n'igice, ndicure, numva Ruticumugambi umugono ni wose.. ubwo ari muri ruuu.... haaa...ruuu... uuuuuu..... haaaa..... Ndamwihorera sinanwicuza, njya iwabo aho. Ngezeyo bati : "Ubu se uragiye muri iki gicuku". Nti : "Ndagiye hakili amafu, ntaza guhura n'izuba". Rukingishakibando arahaguruka, arankingulira, acaha itara. Azana cya gicuma cyaraye kitunaniye ati : "Cyoye icara haracyari nijoro". Ubwo turanywaa! buratandukana, mbona umuseke wera. Ruticumugambi nawe aba araje. Ndasezra baramperekeze bangeze muni y'uzugo, nkomeza kujyana na Ruticumugambi. Turagenda diridiridiri... no mu gishanga. Izuba liba lirarashye maze inyababa y'igishanga iduhindura nk'abashwi b'inkoko, aliko turakivogera. Haha ibyatsi byitw urukembagufe n'ibindi byitw urwuya. Byavaga mu mugende bikaranda umutabo wose ntubone inzira na gato. Alike ntibyatubujije kugenda. Ruticumugambi amaze kunyambutse umuserere ati : "Nsubiyeyo".

"Ruticumugambi ko atari ku muni w'umuganda muri Komine yanyu, uwanyu bakaba bakubwiye ko umherokere, uhuswe n'iki ? Kandi mfite n'ibyo nakwibalizaga".

"Nugaruka se ntuzanyura iwacu, uzambaze uwo muni".

"Ntabwo ari yo nzira yanyu, ni uko nayobye".

"Erega nari mfite inshuti dukina urusimbi, kandi uyu muni niyo yari gusengera nkanywera ubusa!"

"Ese urwo rusimbi urukinire iki, ntuzi ko bibujijwe muri leta ?"

"Ese ko ntawe nzi Komine yari yabifatira!"

"Niba ari inzoga wari ukulikiye ndakunyweshye uko ushaka, aliko uze kumbwira ibyo nkwibaliza".

"Ibyo umbaze ndabikubwira byose, uretse kimwe : ntumbaze umusoro, kandi undinde abapolisi ba Cyungo; ndabona ab'iwacu mbakize, reba ngeho bagiyeye kwambuka umugezi bagana iwacu mu rugo!"

"Ese ko numva ikibazo uhungu ari cyo ushaka kukubaza!"

Mbona ariye ubwoba. Ati : "Ese n'abasilikare bafatira umusoro, ko mwene Nkusi atamfata?"

"Humura singufata, ndakubaze impamvu zekugize shomeli, ukaba utashobora kwibonera umusoro".

"Nawe uri i Rwanda uzabona, nituranga aka gasozi ndakubwira".

IGICE CYA KABILI

Ubwo tugeze mu mpinga turaruhuka, areba iyo tujya areba iyo tuvuye alyamirira ati : "Yaa... ni ubwa mbere ngeze aha muli iyi mbinga; yooo... umuntu yitegeye imisozi yose, dore Buyoga, Miyove, Tumba, yemwe, ahali na Base uwakwisumbukuruza yayibona!"

Ubwo ndaseka. Ati : "Urasetse, uracyaseka ye.... reka nicare no muli kaliya gacucu kali muhaha y'umuhanda".

Ubwo tulicara ngiye kumva numva aratangiyeye alivugisha, aliko ari jye abwira.

- Ubuzima ni ubutindi, dore uko undeba nagenze imisozi, mbona ibintu n'ibindi, nta keza katezana n'akabi. Uko ureba ntiwamenya ko nigeze gushaka : Nararongoye, sinabyara ndahalika, sinabyara, urugo ruba itongo wagira ngo ntirwigeze umwali.

Aliyumvira amara nk'umunota, ngiye kubumbura umunwe arongera arakomeze.

- Nabyirukiye haliya ureba mu Gatiba, uwo mubande wasatuye imisozi mu kabili ugehereza Cyohoha iyi ituli muni ari cyo gishanga twambutse. Mwumba na Sayo ari yo misozi ikikijye uwo mubande, sinali naligeze nyiranga uretse ibi by'abashumba nabaga ndagiye ihene za data, zikanahika, nkazibura, ngatumaho ababyeyi ubwo tukajyanirana; bibarambiye bati uri ikigolyi uzomongane iyo ushaka, n'isuka ntuyishoboye. Ubwo ihene ziyamo Gahuru, yari amaze guca akenge ashoboye kuzikulikira; naho mukuru wacu Rurakabije yafashaga iwacu guhinga, kandi yarasabaga, muli uko kwezi zari zitwe bwa kabili.

- Abasore bilirwaga bavuye bati : "Nyamhinga umukobwa wa Gakara n'ubwize bwe azasanga kiliya gikiye n'amaze yo muli Nyiremugegeli".

- Ubwo kwa Nyamhinga nabo bati : "Nyamhinga umulizakazi, uzasimbuka umu- yanza wose no mu Rukiga ngo ba; ufate isuka no mu nzarwa za Cyohoha, inyababa yo mu musego igusangaye, utahwe nk'uwaragiye ishyamba! Kugira ngo bamuhaze, bakwongeraho ngo : "Rero izuba ni like iwabo iyo, kandi biko- rera, intanga mu milima; iwabo umwana niwe uba mu rugo, huuu...m.. nshaho de !"

- Naho abandi : "Yuuu...uuu.. Nyamhi.... ubaye umupagani birashize, halye ngo yitwa Petero di, wa muranderi wawe, nawe Peteronila, ni ^{ibyiza} bihuye !" Bati : "Ariko ujye uhagarere kuli Paruwasi urebe ibyo bisozi byubatshe Buyoga, ngo si Nyundo, si Butare, yemwe na Gaheneha, abaha- manuka niba bahazi; nta kundi kuzerekeza iya Paruwasi, uziherere iyo gihera shenge !"

- Abandi bati : "Halye ngo bamanyije ibihumbi muna'bi by'inkwano, yewe ni abakiga koko, rero ngo iwabo bakwa icumi n'imisago; amafaranga ara- kundwa, ndi umubyeyi sinakwohera umwana wanjye iyo yose, bitanu by'ino ni bike, byabura nkemera nkemutangira ubuntu, n'ubwo byatunaniye bwose nkaba uwa mbere ino aha !" .../...

- Maze njya kuruvamo nazize Noheli. Uzi nawe ko ku munsu wa Noheli benga amayoga n'ibindi by'umunsu mukuru. Ubwo iwacu bali bafite ibigaga n'inzarwa, maze baramwira bati : "Dore ntukiragira, maze ugende umbwiliye kanaka na nyirakanaka... na kanaka..." mbese bageze ku bantu cumi na babili, uti : " ngo muze twishimane hamwe".

- Ngenda mbabwiraaa... ngeze kuwa cumi wali Sendegaya na Nduwejo umugore we batuye ruguru y'iwacu halya, nsangayo umwana w'umukobwa ntezi, ntitwigeze tunabwirana amazina. Ababyeyi badusiga aho baragenda. Abana bawe rero, uwo mukobwa yali yaraje kwa nyirasenge, nta kana gato bali bafite, irungu yali alimaranye iminsi; turakina, turakundana dukora utuntu n'utundi; bali bafite n'agasururu ka Noheli, akagenda akazana mu gakiza, ubwo tukakaminura. Twarangira, ngubwo ubute, ngilyo ibali, ngicyo iki n'iki...

- Ababyeyi bageze aho baraza, Sendegaya embaza arakaye, ati : "Shahu ko imuhira bahoze bagushaka, ukaba waje ukalyama hano, aho bagutumye ngo baje aho igice".

Nti : "Nasanze bamwe bagiyeye kwinywera ehandi". Mba ndamunyometse ntiyana-bimenya. Ati : "Ejo rero ni ugutaha".

Nti : "Uyu mukobwa tuzajyane, nzamuherekeza azagaruke ku mugoroba?"

Nduwejo etera hejuru : "Sigaho urenda kumutera ubwamanzi, bucye utaha nta kuhdi".

Umukobwa yakwibuka ko amaze iminsi nta mwana bavugana, amalira akazenge mu maso. Ngashaka uko namuhaze nkabibura, nkabura icyo navuga iwabo batatumva. Ngeze aho ntera akabyino :

"Wilira, wilira wiliraaa.... wi...."

"Jya kubyinira hanze nta mugeni uhoza cyangwa umwari aho iyi nzu". Uwo ni Nduwejo wankanikaga. "Nako nimujye kulyama". Turagenda turalyama. Bucyeye ndabaduka. Ubwo hali mu museso. Mbadutse umukobwa nawe numva arabadutse ati ntunze. Ku mutima aliko nkibaza niba mu rugo barambona ntibankubite. Ubwo nshaka ubulyo bwo kutajya imuhira. Noneho ndesezera, wa mukobwa anyoma mu nyuma batumva. Turagenda no haruguru y'urugo, aho kumanuka mu nzira ijye iwacu, afata inzira izamuka, arambaza ati :

"-Ugiye he ?

"-Ngiye icyo iwacu batanzanga ngo bankubite, nzaza balibagiye.

"-Tuzongera kubonana iyari se ko nzaba wenda naratashye?

"-Wenda nzaza iwanyu.

"-Utshazi ! Cyangwa wakwizana uzi ukuntu aho kure !

"-Nzaza narabaye umugabo.

"-Wenda nanjye nzaba ndi umugore !

"-Wanjye cyangwa w'abandi ?

"-Nzaba nenda kuba we, naho wowe nzaba nkureba.

"-Urabaho nzabona uje.

"-Yego.

Ubwo turatandukana aya imuhira nanjye mfata inzira agasoxi ndagahemema. Uko nzamuka niko imitima imbera myinshi. Ndibaza icyo ngiye gukora biranshobere. Ndatekereza ubwo bukwe bw'iwacu bugiye kuzataha ntehari, ku mutima nti buzapfa nsige bese babuvugaga nabi. Ngufatira inzira y'i Byumba nayo ngo ba ! Uwo muni ndara mfashye ak'ububoyi. Ndekoraaa... umwaka urahita. Ndibwira nti ubwo mbonye ay'impamba uwajya kure. I Kigali hambara hafi, ubwo mhitamo kujya Bugande.

"Alike se bazamhoborera mu nzira ! Ntacyo bitweye niho ntazatekereza imuhira vuba, bazanshaka bakambura".

Ubwo ibyo nabitekererezaga ndi ku ziko ntatse. Kureba ko byahiye ashwi da! Kwatse mu ziko reka da !

Petro aba araje asanga umuliro wahororombye yibaza icyatumye ntatse amashyamba. Ati : "Izaa sira yageze aha, abakiliya babuze ibilyo ukora iki?" Umwe aza mu nyuma ze ati : "Umuleti gariso ! Niba nta muceli watetse !

Ndebye ibirayi n'ibishyamba nali ntetse nsanga ntibirashyamba, ibirayi ari bibisi hama!! Ndumumiliza natsa mu ziko. Petero arankurikira ati : "Gubura cyangwa niba bidahiye utaha uvaha ubu ni ubwo kangashye?" Ubwo uko avugaga niko antera inshyi. Muca mu maguru, nitera mu muhanda. Nali maze iminsi niyenza ngo none banyirukana, ubwo mba mbonye ubulyo. Nali ikimodoka cyari kigiyeye i Gatuna, nkikubitamo. Ngezemo nsangamo umucuruzi w'iwacu. Ati : "Shahu uguye Bugande ko tuguye Gatuna?" Mutekereza ibyinjye arumirwa.

- Bazamenya bagushakira he se aha ?

- Toro, Mbalala na Kilembe !

- Ubu twa turafatye Basi i Gatuna, iyi modoka nayo ni ibyo igiye kwizana i Gatuna ikagaruka. Wowe urabigenze ute?

- Mfite amafaranga ahubwo mundwaho munshakira amashilingi.

Ni abaganda baliteguye rero, mbona ashunguye amashilingi y'ibinoti, muha aya nali mfite yose, aramvunjira. Tugeze Gatuna, dutatye Basi ya Uganda, tugera Kabale. Aho twazanywe dutanira aho. Ngira amahirwe bwa mbere na mbere ngwa mu Banyarwanda bakoraga aho. Bati : "Twe mu Gashyamba turajya Kilembe niba ushaka twajyana".

Nti : "Ntawuzi".

Mu gitondo, Basi iraduhorere nayo. Dufatye akazi muri za mine, aliko imingoti yaho ikaba miramira!

Turakora umwaka urahita undi urataha, turakora indi ibili irashyamba ubwo ibya ibyere ine ndi aho. Nali maze itanu rero mvuye imuhira. Ngeze aho mbwira aho twari kumwe nti : "Hoshi ngiye gushyamba akazi mu muji nduhuke umugongo, nimaze no guhitamo nzatashye".

Bati : "Genda, tuzabona utugarukiye cyangwa se utagarutse, icyo utezi ni imijyi y'ine !" .../...

Ku mutima nti : "Ubu imuhira barankumbuye aliko ntacyambuza kujya icyo ngiye".

Ndakugendera no mu mujyi nshaka akazi, hashira icyumweru ntarakabona, udufaranga twanjye ntugeze kure. Ubwo maze kukabona ndakora ku bulyo babyishimiye, ukwezi kweshira bakanyongeze. Aliko iraha icyumweru likayayongobeza. Hashira amezi atatu mbona amafaranga naliriyeye muri icyo cyumweru. Mbona amakuru yo mu rugo azanywe n'abavugaga iwacu. Bambonye baratangere, ngo ntawali uzi ko mbaho, bapfuye gutuma gusa : ngo base baranyifuza kandi ni amahoro, ubukwe ngo bwatashye neza.

Ku mutima nti : "Ni isuka nsanga yo nta wundi mukiro unjyange".

Mu minsi mike niteguye gusubira imuhira. Ngura udupantalo n'udushati, karavati n'inkweto byiza, radio filipusi reka sinakubwira, numva ndakize ! Ngura isanduka yo kubitwaramo, ahasigaye njya gufurahe muri bari na kabali, ngiye kureba nsanga asigaranye udufaranga tutarange utw'impamba n'urugendo. Nta faranga nashoboraga gucyura mu rugo.

Nti : "Ntabwo gukora birananiye, ngiye i Rwanda". Utuntu ntuzohere mu isanduka, mfata Basi n'i Kabale ngo ba ! Ntegereze indi, icyo isubira inyuma. Ntibyatinda ibira irajye nyikubitamo. Turagenda... tugera mu gishamba gikanganye. Abanyarwanda balimo bati ni muri Nyakongorero. Ntituligeze hagati, Basi irahagarara numva mhiye ubwoba. Maze wajya kwumva, ukwumva epfo mu kibaya halirangiyeyee... bati: "Intare zaje!"

Ku mutima nti : "Barazitugabuliye we, mfuye ntarongoye ariyewe wabyiteye!" Mbura umutima wo kubaza igitumye duhagarara. Numvaga nabaye igishushungwe. Hashize akanya Basi iragenda, nti: "Ahuuuu.....", mbona ububaza bambwira ko ari lisensi yari yabaye nke, cyangwa ikindi icyo, kuko ngo babonye bafata amajelikanu bayinyweshye.

Basi ingeze i Gatuna. Mvamo, ntega imodoka ndayibura, si nk'ubu za Toyota zateye. Ndacumbika, nzinduka mu museke nihereza icy'amaguru. Ndashorera, ngenda nyobagulika, nyoboza, nyoba bangarura mu nzira cyangwa banubwira icyo mvuye; ndambirwa mfa gupimanya sinongera kuyoboza. Ngo bujye kwira aba ngeze mu Buyaga, ubu bwa Swisige na Mukarange. Bunyirahere ngeze ku mushumba wari ucyuye inkanga agashyamba, atihutira kuzicyura. Mubaza ibyerekeranye. Hafi hafi aho kandi ari no mu kibaya. Uwo mushumba yari muto afite nk'imyaka itanu gusa. Uzi icyo ari icyo abana bato nawe, icyumvira ibyo twavuganye :

- Tujyane iwacu, ntabwo urasonza".
- Muranzimanira iki se sha ?
- Sinzi ibyo bazimana, aho inzira ntabwo ikwica nitujyane.
- Kuki ?
- Nyirandushyiragaha amata.
- Nyoko yitwa nde ?
- Kibugira.

.../...

- So yitwa nde ?
 - Bicaniro.
 - Uwo wavuze ni nde ?
 - Ni uw'iwacu babyaye.
 - Wowe witwa nde ?
 - Rumaziminsi. Nyirandushyi niwe ubuganiza amata, hali abagabo baraye iwacu arabaha.
 - Mukama inka zingaha ?
 - Inka ya Rusengo, Bihogo, Mulimbanasuku, Bireshya n'ingoma, iyindi yaratatse.
 - Zose uzi amazina yaso ?
 - Ndayazi.
 - Iyatetse yo yitwa ngo iki ?
 - Rugoli rwera.
 - Kuki yitwa ityo ?
- Ndabizi se ! Ni papa waliyise.

Ubwo umwana turatahama. Yihutira kubwira iwabo ko azanye n'umushyitsa ushaka icumbi. Yasaga n'aho azi ubugwaneza bw'iwabo, bahita bamuntumaho; ubwo nali nisigaliye ku irembo. Bantambutsa inka, banjyana mu nzu. Neangamo nyina na mushiki wa wamwana. Baramfungulira, wa mwali amha amata koko, ndayanywa, inzara irashira. Anshyuhiliza amazi ndoga, ndaruhukana.... Tulicaye turaganira, barembaza iyo nturuka, ngasubiza ibi bya huti huti. Alike nkabona umukobwa andabana ubwuzu bwinshi nk'uwamenye. Jye ibitotsi ahubwo birajye bishaka kunyiba kubera umunana-ro. Ubwo se yali yatuzaniye akarwa turanywa, reka sinakubwira nabaye umushyitsi utaye ubwuzu n'amatsiko. Bicaniro bimwanga munda arankulikirana ati :

- Twishimiye kubona tuguha icumbi ukaba wanadutaramiye bigeze aha.
- Alike se mu by'ukuli, uragarukira mu kihe gihugu ?
- Ndagere alya mu Buyoga.
- Ahitwa he ?
- Ahitwa Sayo na Buzenge, nkaba ntuye i Sayo.
- Yuu... mwana wanjye, ni mu ncuti nse ! Sendegaye ntumuzi ?
- Ndamuzi, atuye na haruguru y'iwacu.
- Ulya mugore wa zero bulya ni mushiki wanjye. Muli abakwe murakaza. Alike se ko hepfo y'iwabo hali ingo ebyili, Abemera na Nkusi, uli uwo mu ruha ?
- Ubwo nakurangiye nabi, ni epfo aliko mw'ibanga ly'ibumoso.
- Kwa Rukingishakibando ?
- Yee..., ngaho wahamenye.
- Umva re, wa musaza ukomeye ndamuzi ! Ahubwo duherutse na kunywana mu bukwe bw'umuhungu wa warongoye. Twali twaje iyo iwanyu, nuko muramu wanjye uwo n'umugore wa baratumirwa.

Nduwejo ati : "Jye Nduwejo rero iyo ntumiwe, n'abashyitsi banjye baba batumiwe". Tujoyana dutyo iwanyu... Ubwo rero bwaragucitse. Alike mukuru wawe yaharongoye umukobwa mwiza w'umulizakazi aliko w'igishongore pe ! Kandi ngo mwamukoye amafaranga da ! Rero abaliza ngo ntibagira aho bahagalika inka, ko wumva ngo n'agashugunda ntikabayo. Ngo ni intoke gusaa.. n'imyumbati... Agashike kandi, bakalimiramo kawa. Jyewe Nyirendushyi yanjye uzayigegurura ahangaha, keretse uzayobora ishya ! Ko nta n'akandi nali nteze ku rubyaro rwanjye ! Umva u Mutara uli hafi, kugishishilizayo inka zanjye si ikinaniye, nta n'urugendo, nzabura aho ndagira ? Yewe mwa..., nawe uli umusere, warasihimutse, aliko ni ebyili z'imishisha ukazishorera, cyangwa imwe n'iyayo! Ayo mafaranga za yaba ari n'ireke icyo numva bavuga ! Si ukundaza rwantambi ejo mu isoko ejobundi mu isoko ! Cyakora ntiwumve ngo iki, uzana izo ebyili ntiyabura kungerekeraho bitatu by'ikibabi cy'itabi, ko nta lihingwa ino none ngo yanzanira uruboho rwalyo ! Naho ubundi amafaranga y'inkwano....sapu, nta mukaro wayo".

Ubwo ndiyumvilira, sinagira icyo nsubiza. Ageze aho ambaze amakuru y'i Buganda. Mubwira make make, numvaga ibitote binzahaje. Umugore ageze aho ambona ndimo mvuna sambwe; abwira umugabo ati :

"Reka umushyitsi aje kuruhuka, umuntu wiliwe agenda!"

Umukobwa nawe ati : "Mama..., narangije".

Bicaniro nawe araroha :

"Inka ya Rusengo nayikuye i Bwami ! Lyamisha abana abagabo ntibabwizwa, umushyitsi ni uwanjye, yananiwe ndabizi, nimara kumizimanira aralyama, wenda azicure ejo saa sita. Ubu yageze iwabo, ari mu bavandimwe, wenda ejo hazaba ari kwa sebukwe ko ahasanze inkumi mu nzu, hali icyo !"

Ku mutima nti : "Wa mukobwa itarasabwa". Mu gihe ntekereza ntyo Bicaniro arampamagere.

- Ruticumuga...!

- Karame...

- Alivugisha : "Alike ko icyo zina ndibura likantera ibicuro aho ntacyo lizembyelira !" icyo naguhamagaliye ntikigoye, nendaga kukubaza niba hali agaka mwigeze; ko nabonye bakuzimaniye amata ukayanywa nk'udashonje, mwaba muli abakingishakibando se kuva na kera kose !"

Ndashora sinagira icyo nsubiza. Arakomeze :

- Alike izina nicyo muntu, ubonye ngo alitwa aho ntahinyuze abalimwese! Alike na mushiki wanjye yageze aho aramenyere da. icyitwa amata reka sinibaza n'uko abana babo batagira umwera, ko nta soro na limwe wabona mu bzu yabo, hebe n'ilivuye soko. Bilitaye aliko aho kujya soko narekera icyo.

Nyamara badukoye inkanga shenge, Rwirungu, ubu ni izayo zigize ishya lyanjye !"

Aliyumvira ageze aho arongera arakomeza :

-Ruticumuga..., ko ndeba uri umusore wabyirukiye mu mahanga,... se balyanye ! Nyirandu..., uyu mwana murasinziliye ! Nuko rata ubyirukira mu mahanga, none uraje, ubu abakobwa ba rubanda baraza bakurangamiye ngo uzanye imali ! Ko nanjye nabaye yo ko mhazi za ! Aho wenda wawe aho unshukira umwana kandi se atankwera. Ko nta mwana wanjye wigeze yicwa n'ubworo se da ! Uzashake kuba nka nyirasenge wa azamusenge, ubwo bukwe ntibuzangerere mu rugo".

Ubwo tunganira ibyo byose, ntacyaciteye Nyirandushyi yari y'ingira-nyije n'inyegamo yari ikinze imbere n'ubulili bwe bwali mu mbera, ubwo se ntamubona aliko we yaraturebaga, yari anyitegaye ku buliyo mu maso he nahabonaga, aliko ngakingiliza se. Igihe se yari agejeje aho ambwira, mhindukira amaso nyahuza n'aya Nyirandushyi, aramwenyurira. Naho njye agatwenge karanshika. Bicaniro aboneraho :
" Seka, nturabona, ubwawe n'ubworo bubara ababurenze".

Nanjye ndi handagaza ndalikocora :

" Aliko ndongoye umukobwa wawe aho nagira amahoro ? Aliko ubwo ubintonga, wabona murongoye !"

Biba nk'umunyanyagije urusenda ku zulimi. Ati : "Jyejyejyejye... umurongora wewe mwana wa Rukingishakibanda ! Mibambwa mbamuroga, urwo rugo narara ndushenye !"

- Ugasenyera umwana wawe ? Iyaba ari maso ngo mubaza !

- Ahaa..., nanjye navuze make abakobwa b'ubu ko bihagazeho se da; ngo balishimanira Nyagasani ! Yemeye uwo muruhu namwihorera aliko ubwo bukwe shwi !"

Nongera gukubita amaso na Nyirandushyi mbona amalira azanga mu maso ye, abonye ko bimbabaje kumubona, ajye mu bulili bwe aralyama. Umusaza anyeruka igikoni, nsangayo Rumaziminsi, maze ngeze ku muryango aramhamagara nditaba ati :

- Urare ahalyana

- Nti : "Ahatalyana harare umwanzi !"

Ngeze ku bulili, ntekereza akanyu gato ukuntu wa mwana w'umushumba yanzanye iweho, ukuntu mushiki wa yampobeye, uko yandebanaga ubwuzu, numva mu buzima bwanjye aho ntekereje. Umukobwa akangwa ku mutima. Ubwo ntangira gutekereza uko nabonye Nyirandushyi aha : yari yiyambaliye ikanzu y'ibara lyera lirimo udushuhanyo tw'indabyo by'umukara. Umubili wa siniliwe nyuvugaho byinshi kuko ntashobora kubivuga uko biri, mbese ni uw'imfura kandi abifitiye n'uburere. Numvaga namuhama iruhande. Ubwo ngenderako ndasinziye... Nicuye, nsanga ndi jyenye mu buliri bwakeye kera. Ubwo Rumaziminsi yari yahuye inkanga.

Mu rugo, hagati y'igikoni n'inzu nini, hali isuku ihebuje. Inka kuko zifite aho zirara ku irembo, nta mase cyangwa ibisogogoro byahigeze. Alike icyo suku igirwa na Nyirandushyi.

Mva mu kirago njya hanze nsanga izuba lyavuye, Nyirandushyi yakubuye, yoze, ahasigaya asa n'utegereje ko mbyuka. Ambonye aransuhuza ati : "Waramutse."

Mbanza kumwihorera nk'aho ntumvise, ngeze aho nti : "Twese twaramutse!

- Ese icyo kinyarwanda, ntabwo wasinziliye ?

- Naho wowe se madamaze...!

Amanza yandeba cyane, maze araseka.

- Naraye nibaza niba ibyo waraye muvuze n'iwacu mwabyumbaga namwe!

- Ese bagiye ho ngo mbazereho ?

- Ego., uragenda none se ! Tutaganiliye?

- Ndagira ngo nduhukire imuhira, kandi haracyali urugendo.

- Ubu se ko bwakeye, rwasama iliye wayizamuka kuli izi zuba cyangwa ni ubwa mbere ugiye kunyura muli iyi nzira igana i Byumba ?

- Ni ubwa mbere kuko nayobye.

- Waretse se tukazaguherekeza aho, ko twanakugeze no mu rugo !

- Mu rugo !

- iii... mu rugo, hafi y'iwanyu, nzabwira iwacu njye gusura masenge uli iliye iwanyu, wawundi iwacu bakubwiye. Urumva se ntazaba ngize Imana, azaba mbonye uwo tujyana!

- Uzamarayo nk'iminsi ingana iki ?

- Ndashyamba nzatinda yo, wenda tuvuye nk'ukwezi. Maze imyaka itanu ngiye yo, icyo gihe hali mu gihe cya Noheli.

- Se aho si wowe nasanze yo cya gihe kuli Noheli, nje gutumira Sendegaya n'umugore ?

- Bulya se ni wowe waje kumutumira ! Aaaa... Muticumuga...

Ubuho yari yishyigikiliye agakoni aho nko mu metero imwe imbere yanjye.

Uko yagahagaze asa n'utaye imbaraga ka gakoni karagwa, aza asanga angwa mu gituzi, amalira ubwo ni yose mu macyi ye yashotse ku matama. Ndamufata nanjye ngo atagwa aliko nkwumva umutima we utara cyane kubera ko mu gituzi cye hisimbizaga. Naho njye naguye mu kantu, nabuze icyo nakora. Hashira igihe kirekire ngira ngo yasinziliye aho. Ageze aho asa n'uwicuye ati :

- Reka njye kulyaha.

- Kubera iki ?

- Ndumva ndwaye.

Nkubitwa n'inkuba numvise avuze ko arwaye, numva ndayobowe. Ku mutima nti:

"ibi ni ibiki ko noneho Bicaniro aranyica, aragira ngo nijye watumye umukobwa we arwara cyangwa se yirwaza."

Umukobwa, narekuze akajya gutemba, ndashyendekereze no mu gikoni,

ndalyamisha nk'ubikira uruhinja. Mwicara iruhanda. Ageze aho arandaba

arongera ahumbye amaso, yongeye kuyarambura aza yuzuye amalira arambwira,

ati : "Ischokere".

Ndahaguruka, nse n'ugiyeye, binyanga mu nda ndahagarara. Noneho yihanagura amalira, ati : "Iyo menya ko witwa Ruticumugambi kare kose nk'ikubona; dore data ibyo yavuze ndabireba bigiye kuba..."

Ubwo aravugana ikiniga cyinshi. Nti : "Ese ko ari wowe ushobora kubikora, ubishatse ntibyarorera?"

Noneho ndicara, aliko mu gitanda cyo yari alyemyeho. Arongera, ati : "Iyabe nali mfite uburenganzira bwo kuyobora umutima wanjye, ibyo byose ntibyabaye ikibazo. Aliko byose nibwo biturukaho. Ya Noheli bulya ni iwacu bamuhase bajyana kwa masenge. Iyo ntajyaye sinba nkwiibutse. Bulya aho mviliyeye nagumye kukwibuka, nta wundi nategerezaga kugaza aho mbereye umwangavu. Sinamenye uko wagiye Bugande, ahubwo ubu nali mu nzira zo gusubira kwa Masenge ngo none namenya amakuru yawe. Dore ubu abasore bahora aha, nta n'umwe umutima wanjye ujya ushaka, aliko Dawe aba ancaniliye ngo ntegereje umeze ute! Kubera ibyo byose nali mfitekumutima nta musore n'umwe numvaga nzavugisha ngo anyuze ntakubonye. None ndakubonye n'ubwo nali nakuyobowe bwose. Imana yatumye unyura aha yahirangiye, ibyago nibize bizaba bizanywe na yo. Aliko warahindutse wa!

Avuze atyo numva akantu kanyirutse umubili wose, ibyishimo bihindutsemo ubwoba. Nanjye namuraba ngasanga yarahindutse byane. Areguka yicara ku bulili. Nubura amaso azengamo amalira, nyahuzaga n'aye ubwo sinzi icyatumemo numva endi mu gituzi, turahoberanaga... tugeze aho tujya hanze, akora akazi k'imuhira. Bigeze ku mugoroba iwabo baraza, ndaza aho burecyiye. Bigeze mu gitondo, nti : "Ndatashye". Umukobwa anyakira ibintu, aramherekeza n'iwabo baramherekeza. Ababajije ngo tujyane aye gusura nyirasenge, baranga bati : "Uzaba ujya yo".

Basubira imuhira, nkomeza nawe. Agenda ambwira ukuntu bimubabaje, ati : "Aliko amaherezo nzaza".

Tuzengere Rwasama hari amafu, nta zuba litwisha. Tugeze mu mbinga, ati : "Nabiyeye, sinilirwa ngera mu muji ntabwo gutinze". Igihe ntaramubwira, nyirasenge aba adutungutse hatuguru. Sinakubwira ibyishimo yagize. Batura bombi imitwazo bali bikoreye bararamukanya. Nduweje aya afite agasheke agasheke gato karumiliyeho umutemeli. Naho Nyirandushyi :

"Sinakubwiye ko amaherezo nzajya yo, ubu aho nzagarukana nawe, bazambuze se kandi ra !"

Nduweje aranyitegereza....., ati : "Ese uyu ari mwene Rukingishakibanda?" Umwisengereza ati : "Ese mwaramwibagiye namwe?"

Nduweje aratangira : "Ego muzigabakazi, ureho Ruticumuga... Aramhoberana... wabaye umugabo nyaminaga... umwana utarera ! Ubu se wabaga mu mahanga ya he?"

- Nibereye i Bugande.

- Kuva cyo gihe uva iwacu, iwanyu ngo niho batongeye kukubona!

Yewe, iwanyu nibakubona, sibo babona bakuramutse. Bagize ngo ntutaze kurugeramo ! Ubu none uba udefite agacanyi se da!"

Ubwu Nyirandushyi amutekerereza uko naje iwabo, bagera ku bulye bamherekeje n'ukuntu iwabo bali bamuteye ibyatsi igihe yababazaga ngo tujyane aje gusura nyirasenge. Noneho aramubwira ati :

- Ejo tuzagarukana. Umva nawe nta kindi cyali kinzanye, ntuhuruka iwacu igihe Ruticumugambi nawe yararaga iwacu bucyi ari buganda ! Ubu nali nje kubaza icyatumye uza ugahera, twa tuba tutishoboye, ahubwo ubu nagira ngo wenda walijyanye se atinye kubimbwira".

Haca akanya ntawe uvuye. Nyirasenge ageze aho arakomeza :

- Yewe ga Nyirandushyi, wabaye inkumi nyaminaga ! Iyo bambwira ko bagushyingiye simbimenye twari gukiranuka? Nali kubalimbura ! Se ubwo bali kwitwaza iki cyatumye ntabimenya, ni inkwano baba batarabonyese.. ni iki rwose cyabatera icyo myifatire ? Ko n'icyo wasabwa ngomba kubimenya mbere y'igihe".

- Ese masenge ko mubyihutana ntacyo ndababwira muri icyo".

- Ibiki ? Zaranyowe ? Mbwira nisubiliraye !"

- Nsubiraye turajyane".

- Ego Nduweje, abakobwa ko mukura nk'ibihaza, niko n'ubwenge bukura nk'ibuye? Se niyumva ngo nagarukiye mu nzira ndagutwara, ibyo nangaga nijye uraba ugiye kubikora ! Yazamvuye amaki se da !"

- Erega humura nta n'ubwo zanyowe nahaka kuzakubwira aho bangejeje nzakubwira ejo, cyangwa nzaza ubyimenyeye nawe".

Ubwu ndabumviraaa.. mbonye bashaka kumutanga mbasuzeraho, nti :

"Erega inzira zibaye amahali, murabeho !"

Nduweje aransubiza ati : "Kera inzira zitalikuba ntubwira ubuho muri aka karere uzitwaza iwanyu nkazishoreraho".

Nyirandushyi amhereza umukono atawumhaye ati : "Ngaho ugereye amahoro". Turatandukana.

Inzira imbera ndende, ngera iwacu mu mashyamba y'inka. Uko nasize iwacu hamaze, nsanga harabaye ukundi. Ya mazu abili wahasanze, nali nasize hali ikibanza, nje nsanga barayatashye. Ab'iwacu bese mbasanga mu rugo. Mukuru wanjye n'umugore we Nyamhinga nabo bali iwacu baje kuganira. Ubwo bali batumiwe, bategereje urwarwa bwari rukiri mu rwina. Bambonye bese baliyamirira bati : "Uliya si Ruticumugambi !" Nyamhinga ntali nzi aba ari we usimbukira hejuru nk'awikanze, aza angana. Turaramukanya, aramhobere.. abandi barategerezaga. bagira ngo ari ntabwo... Nanjye bwari ubwa mbere mbonye. nsanga ubwira bwe uko babuvugaga batarabeshye. Nta n'ubwo yari atwite ntiyari yarabonye, wabonye akiri isugi n'umwali uri kwe se na nyina. Ndashyamba bese, ndababwirako, bambaza amakuru yo hinya no hino... urwagwa ruva mu rwina, turanywa, turashyamba. Alike bese batangazwa no kubona narahindutse, bagira bati :

"Twakubonye turakuyoberwa pe ! Bulya wamanutse tukureba, aliko ntawatekereza ko ali wowe".

Umunsi wa mbere nilirwa mu rugo ngenira na Nyamhinga. Neanga ikiganiro ali ubwa mbere mu kukilyoshya, ahubwo akankinisha cyane ibi bye kiramu, ugasanga ali jye wifitiye amasoni.

Bukeye ndakuzamukira no kwa Sendegeya. Neanga Nduwajo n'umwisengeneza barasanye, ali nabo bali yo. Banjyana mu ruganiriro, nyirasenge n'umwisengeneza basa n'abansiga aho berekera mu gikoni, hashize akanya umukobwa agarukana agacuma mu ntoki kogeje neza, yihina mu mbere akuzuza umusururu arazana anyicara iruhande, tuganilira kuli ako gacuma. Aratangira embwira ibyabaye kuva duherukanye :

"Bulya iwacu baraye batonganye na masenge, twabaye tukigerayo habe no gusuhuza baratangira:

- Umwana wanjye mwamureze nabi kugera iki gihe atarabona umugabo ! Ejo nzamujiyana, mwamugize bajeyi, ubu abaye inkumi ingana itya ataramenya ko akanenye umugabo?"

- Bicaniro dore aho nihagaraliyeee... uzamujiyane, none ahali wowe data uzamubonera umusore umushimishije ! Ikivu cy'abasore gihora aha, ngo nta n'umwe umugwa ku mutima. Umujyane mfa kubona ibyanjye, aliko kandi sinshaka kubona ulushyingira abakingishakibando".

- Mu bakingishakibando ! Ubu se ko mbalimo nabaye iki ?

- Nta nkwanu zabo nshaka, numushyingirayo tuzaca umubano".

- Ego bazigaba ! Ibyo bizadusesera umulyangooo...!

Si jye wabonye butandukana, tugafata inzira.

Ubwo nanjye mboneraho kumubaza uko iwabo bateye:

- Aliko se di, uko ubona iwanyu ibyo bavuga koko baba bakomeje?"

- Ego, ntabwo ubazi ! Mukuru wanjye yasabwe n'abantu babili aliko babirukanana inzoga ku mutwe ngo si abaturunzi.. Ngo nta mwana wabo wajya kwicwa n'ubworo cyangwa umwera yaramenyereye kwisiga, n'ibindi nk'ibyo. Uwa getatu arasaba aza gukwa azana inka, barayanga ngo ni iyo yaguze, ngo inka utirereye nta bwororoke bwayo, nta burame bwayo. Bulya ngo inka ze mu giteranyo inyinshi ni izo babona zibananiye gutunga ca ! Ali izimerewe nabi ali izitororoka, mbese ngo bene izo ni izo kubaga, uretse ibimasa ngo nibyo usanga ali bitaraga. Ibyo byose ntibayli bigiye gutuma mukuru wanjye agwa kw'ishyigat none nanjye ubwo byatangiyeye. Umva inkwanu zigira ibibazo byinshi, aliko icy'izacy ni ikindi kindi!"

- Ubu se di, ko nifuzaga ko twibanira nzabigenza nte?"

Aranyitegereza cyane... numva umuatsi usa n'umvuye ku mutwe, numva mubwiye ibitabugwa, kandi yali amaze kuntekerereza umupaka utuli hagati.

Nyamara we ntiyatekerezaga atyo. Aho kugira ngo bimurakaze, ahubwo ibyishimo byaramusabye, amalira azenga mu maso; nje aliko sinabinaga. Numvise gusa yanguyemo n'ikiniga kimwuzuye umutima. Nkibwira nti : "Nkoze ishyano".

Aliho ashize ikiniga, aramhobera cyane mbona ubushyitsa umutima mugda. Arambwira ati : "Ukuye ahaga, nibazaga niba umunsi umwe utazabimbwira; uri Ruticumugambi koko, mu myaka itanu niho twari hamwe hano, ibyo wavuze ukina bibaye byo. Uburakali bw'iwacu sinzabwitaho, nibanza nzaba ndikumwe na masenge aliko sinkakubura. Ejo cyangwa ejobundi mbase igihe uzashakira nzaza twibanire..."

Uko yakabaye mu maboko yanjye igituze ku kindi, numva nanjye amalira anze-nga mu maso. Naho we ijwi lye lyali lyahaze atagishobora kuvuga. Tumera dutyo, tumara igihe ntazi ntawe uvuga tumeze dutyooo... Nyirasenge niwe waje wahadukuye.

Mu mezi atatu akulikiyeho, yari iwacu, tuli kumwe. Mu bwere bwa, tukajya twilirwa twiyumvira radiyoooo... Nyirasenge haba ngo arajya kubibwira se, yatumaga abajyaye ngo bazabihisha bavuye ko umwana agifite urukumbuzi azaba aza.

Noneho limwe twicaza, Nyirandushyi ati : "Ko ntawe urongora adakoye, ibihano bya Paruwasi na Komini uzabikira ute ? Nandi uzi ko nari umwigishwa, ubu se ntituziga tukazasezerana ?"

Nti : "Ibyo bizaba buhoro buhoro, iwanyu niba bazanteza inkeke".

Ubwo yari amaze kwaruka.

Mu gihe tukivugana dutyo, nyirasenge aba atungutse haruguru, we n'iby'imbungano ntabijyamo. Ahita kubwira ikimuzanye. Yanze kugira uwo atuma aliyizira. Yari aje kubwira ko databukwe ayaraze :

"Ibye byerangiye, yaraze ataraze, azize ihembe ly'inka nta n'uwo yashoboye kuvugisha, yahise atanga".

Amaze kubwira tugwa mu kantu. Umukobwa aralira abura gihoza, ise agiye atazi ko umwana we yabonye umugabo! Hashize icyumweru, tulikora tujya kwirega, kuramukanya no kubayagira byose hamwe. Ubwo nyina abona kumenya ko umukobwa yashyngiye na nyirasenge ati : "Yamwe mwokabyaramwe, ndusigayemo jyenyine, nzivomera, naenye, ndagire !"

Tubona ibyago umukecuru alimo koko, umva na muramukazi we nta kana yagiraga imuhira, iwadu ni uko Gahuru yari amaze kwibera umusore. Umukecuru ati : "Inka nzihaye umukwe azandagilire, aje yikamira nizo nkwanu muciyi. Nyirandushyi atera imundu. Umukecuru nawe a bonye akana ko kumuvomera, ka Rumaziminsi. Ubwo uruge rwacu rutahamye inka. Gahuru akajya aba iwacu akazituragilire. Maze turatunga turatunganirwa muli icyo minsi ye mbere.

Aliko ntawe uhilirwa na byose, ubwo nta rubyaro twagiraga. Nyamhinga nawe n'umugabo, hali hashize imyaka itanu nta kana naho twe yali imaze kuba itatu.

Umugore turabana, tugakama agashyire iwacu n'iwebo amata limwe na limwe, na Rurakabije tukamuha. Akagira ubwira bwo guhinga, imitiba yacu wasangaga yuzuye ibigugu ibyeye tukabura icyo duhunka, tukaboha cyangwa tukabohesha indi mishya.

Naho jye ubwo nabonye ikibazo cy'inkwano gitunganye, ibyo kwiga ndabireka. Nyamhinga n'umugabo nabo ntibali bakijya mu byo kwiga, cyangwa kujya mu misa. Aliko bo ubunabwira bwali bwarabacengeye. Umugore yali asigaye adufitiye ishyamba, kubera ibyo dutunze. Nyamhinga ntiyari umugore nk'abandi yari umunabwira, aliko amenya kwikundisha n'ubwira bw'umubili wa bukamufasha, wasangaga ashuka abasore bakaza kumuha umubyizi w'ubusa, abakobwa bakaza kumuterera intabire, yaba yababuze akabwira akiyicalira imuhira. Umugabo nawe bari baramuhagije. Nyamhinga yari aza kuganiriza abantu by'igitangaza. Wabaga ubazerereye ku mugoroba ntutaha, mugataramana ntiwibuke gutaha. Abantu nicyo bamukundiraga rero.

Umunsi umwe, Nyamhinga aranyiharerana ambaza igituma nta rubyaro twabonye :
"Ali wowe ari n'umugore ntimuzi uwabujije urubyaro?"

Nahaka kumwihorera, arongerera ati : "Ahari nta muganga mwagiyeho!"

Nti : "Namujyanye mubona nzi bese, ntawabashoboraye". Naragumubukiye no kwa Ndamiyungabo ati mvura ibindi uretse ibyo, siniliwe nkurushya. Ndamubuka no kwa Biti andya iby'ubusa ntahira amara masa. Ahasigaye nti ndarushywe n'ubusa reka niyicalire. Umugore akamhata ngo ngumye nshakisha, nti uzijyane yo".

- Aliko se uzi neza ko ari umugore cyangwa urakera ni nawe ?
- Se wowe ko umubaza ibyacu, ibyanyu byo bite ko ntawe nigeze kubaza ?
- Maze bigeze aya magingo ntarabaza mukuru wawe ?
- Wowe se mukuru wanjye yaba atarakubwiye ibyanjye ?
- Ni mukuru wawe umfakaje nduzi ko ari ukumfakaza ! Aliko nibura n'umufakazi aba yaligeze umugabo ? Se ubundi mubona ko ndi umugore nk'abandi, ndacyari umwali nk'uko navuye kwa data.

Ibyo abivugana imuhwe n'ububabare bwinshi.

- Niba mugira ngo ndabeshya, muzagurane ingo wirebere ngo bene Rutica na Nyamhinga barasesekera hano !

Abivugana uburamu bwinshi yisekera.

Kuguma aho birananira mbita musezeraho.

Hashize iminsi mike, Rurakabije ararwara cyane bikabije. Nyamhinga akora uko ashoboye ngo yoroherwe birananirana. Barahaka ngo bamujyanye kwa muganga, kandi bamaze icyumweru bamwicaranye mu rugo, bari mu baganga ba kinyarwanda. Ageze mu bitaro yitaba Imana uwo munsi.

Nyamhinga uzupfu rw'umugabo ntirwamutera inabi, aliko yamaze kabili ataganira nka mbere. Abantu batangira kuvuga ngo ni uburozi bw'umulizekazi yarabutamiye.

Limwe nza kwumva data avuga ngo : "Niyipfira, n'ubw'abakiga bwali bumuli habi, ngo izo ni inkwano ashaka, aliko yaba ikiremba kibi, maze araza aranuma umukobwa w'abandi arutahamo ! Abakazana banjye bose babaye kimwe bahu...!"

Maze ndumvira.. numva binteye agahinda. Nakwibuka ibyo Nyamhinga yambwiye byo kugurana ingo, ngashishwa, ngashaka najye kwemera ko yaba yararose umugabo kugira ngo tubane !

Limwe njya kumusura, nsanga yigunze mu rugo nk'umwana w'imfubyi. Ubwo hali hashize ukwezi aha aho wenyine. Amvugisha yitonze ati :

"Hanze barankoronga ngo nijye wahuse mukuru wawe!"

Nti : "Ihumulire aya rubanda ntabura, umugabo wawe yagupfiliye kuva kera".
- Yamfiliye ate ?

Ubwo mutekerereza uko numvise data abivuga ko yazize abakiga, aliko yapfuye atavuze icyo bamujijije ngo bashobore kumuvuza hakili kare. Nyamhinga abyumvise aratulika aralira. Yali alijijwe na byinshi ubwo yibutse uko umugabo yali ashoboye kwivuza, akaba atarabigize, yumva kubaho abana n'abantu batamwumva atabishoboye. Mbona arahagurutse aha n'uhunga, ndamutangira, mubwira ntya :

"Nyamhi..., dufite ikibazo kimwe, kandi dufatanyije, icyo twifuza kugeraho twakibona".

Ntararangize no kuvuga, numva aramhoboye imbavu yenda kuzivuna. Anyibutsa Nyirandushyi kwa Nyirasenge ubwo yanyerekaga urukundo rwe rwose yali amfiteye, aliko ndabyiyibagiza icyo nashakaga ni ukugira akana. Twibera aho hashira icyumweru. Ngeze aho mbwira iwacu ko nacyuye Nyamhinga bati :
"Ntitubyanze, aliko ni hahandi hawe, urubyaro rwarabangiye; kandi umugore wawe niyemera ko umuhalika niyo mahirwe yawe, niyanga kandi ibintu biza-gera iwa ndabaga".

Nyirandushyi ndabimubwira, ntiyantera amahane, ati apfa kugumana ibye, ntanzire mu byanjye, afite akaboko ke najye mfite akanjye.

Nyamhinga atuma iwabo bamwoherereza umwana wo kumuraza, ku mutima nkibaza igituma yashatse umuraza, kandi mukeba wawe areba aha nka we. Naho umugore ni inyalyenge azi icyo yamutumilije.

Gahuru akahura, wa mane amusanga mu kinani limwe na limwe. Gahuru ageze aho yanga kuziragira ngo twabonye umushumba. Tulinginga ashwi, Nyamhinga abwira Gahuru ati mujye mujya ibihe, nawe uruhuke, amfasha imuhira ntabwo yahora aragira. Gahuru aremera. Nyamhinga ageze aho yoshya musaza we ngo azabanze ajye azicyura kwa mushiki wa igihe yaragiye. Aza kubimbaliza mu rugo acyuye, Nyirandushyi atwumva. Ntiyatumye musubiza aha aliwe umwisubiliza

"Ego wa kana we, niba ari mushiki wawe wakwoheje, ugenda umubwire agutume ku za se".

Nyamhinga abimenye biramurakaza, kandi ubwo yari atwite, inda ye igaze mu za bukuru.

Abagore bangana urunuka, ndareba biranshobera. Nyamhinga ntiyongera no kumvugisha neza nk'uko yamvugishaga. Ngeze aho mbwira Gahuru ngo icyereke kwa Nyamhinga anarare yo.

Bigeze nimugoroba Nyirandushyi arahishije nk'uko bisanzwe, yoza iby'ameza n'ibyo gukumira nk'uko bisanzwe; ndamwihorera... arangije ajya ku muryango yumva radiyo...

- Hummm..... saa moya irageze.

- Nti : "Ngo iki?"

U Ndeyaga ko bwahumanye, se Gahuru yageze he? Tugiye ku maza tutinikiye? Araza turalya, turangije ajya hanze. Agarutse aza yiyamirira ati :

"Inka mwazicyuye kwa Nyamhinga? Mundi sibwo bibwiye niwowe nta wundi. Ziliya nka zavuye kwa data na mama ari jye utumye ziza hano, rubanda nibwo bagiye kuzitungira! Se ubu urabona data hari icyo yasize andaze? Ziliya nka ni zo mugabane wacu twese wagize ngo si iza Rumaziminsi hari izawe zilimo, ko nta n'iyi wabakwariye! Uraziha rubanda nk'aho ntaliho kandi n'iyi ntabwo nyirazo yazicyura iwe. Ejo nze nibwo hano mu gitondo zikamwe nibwo nibwo amata. Inka zigiyeye kurera zidakamwe ngo ni iza Nyirankundwakazi Nyamhinga. Ubwo numva umujinya uranyeguye nti : "Ceceke aho, nabyara ntuzabyara ibyo ni ibyakunaniye, ubukire bwawe narabubonye ni ibirangirana n'ubusore, nushaka uzigendere".

Bukeye Nyirandushyi azindukirira ku mugezi. Nanjye mfata agakangara nshyiramo ibikamisho njyana kwa Nyamhinga. Ndakama inka zirahuka. Nyamhinga noneho yandeba akamwenyura anyereka ko anyishimiye. Nyirandushyi avuye ku mugezi ajya kureba ibyansi n'imimuna ngo abyozwe ahaheba. Akubise ku bisabo ahaheba. Induru ayiha umunwa, agera aho kulira abura amalira, umujinya uremwegura, agufatira imyenda ye yose n'imbenja ye nyirankundwakazi, yiherereza inzira no kwa nyina.

Nyina amaze kumenya ibyo byose, abwira umukobwa we ati : "Ese mwana wanjye niba utabyara urabona wamushimisha kurusha mukeba wawe? Warabyiteye nta kundi byamara, ahasigaye ni ukuzana ibyacu. Alike waba umupfu, icyo wemera umwe akajya aragira limwe undi ilindi, cyangwa icyumwexu undi ikindi, ntimweli kubana?"

Naho njye ubwo niliwe kwa Nyamhinga. Data aza kuhansanga ku mugoroba.

Ambaza ibyabaye ku manywa :

- Ese ab'iwawe bagiye he?

- Washobora ihabakira icy'ubu? Dore neanze urugi rurangaye!!

- Ese mama yaba yagiye he, aho ntiyagiye iwabo? Ese mwana wanjye umugore yajya iwabo atakubwiye?"

.../...

Ambwiye atyo numva koko ko ibyo mvuze ntaho bishingiye. Umva, umugore twabanaga neza, data ibyo bya vuba byo kutumvikana ntiyali abizi. Ubwo njya kureba, ngezayo mbona ibintu binyanyagilitse aho hose mu muryango. Nkubise mu isanduka mbura imyenda ye yose. Nisubilira hakulya. Data nsanga akihali ahita ambaza ati : "Bite?"

Nti : "Yagiye wenda azagaruka".

Buracya akazuba kamaze kurasa, ninara ku muhazuro mu gacaca kali kahali nota akazuba ntagereje ko Gahuru aza kwahura. Ngeze aho nti : "Ko yatinze ra ! Reka muhamagare".

- Yewe Gahuru weee!

- Yeee...!

- Aliko nturora ko amanywa yakambije. Si wowe wahura none sha?"

- Yahura yahura iki, n'umukobwa wacu wagukijije none ukaba walihaye kumwirukana none ukaba wagerekayeho no kumunyaga !"

Nkabutse haruguru ngo ndebe uwo muntu umvugisha atyo, mbona ikivunge cy'abantu haruguru y'urugo, bitwaje ibikoni, amahili. Bali icumi aliko havugaga umwe gusa, ukabona koko ari igitero gifite umutware.

Ubwo burantaha. Ku mutima nti : "Ise yavuze ko nimurongorera umukobwa azarusanya, none karabaye, ijamba lyo yalisigiye umugore. Mabukwe niwe unanyaye!"

Bati : "Humura, ugurura gusa irembo, maze uduhe inka zacu twakuragije, nta kindi dushaka".

Muli aho bantu bese nsanga nzimo umwe. Yari nyirarume wa Nyirandushyi. Mbura icyo nabasubiza, nugururira inka, barayobora, dusigara twifashe imhungenge. Ibyago bigwira abagabo ntibihanuzwa. Inka zari zigize ubukungu bwanjye zigenda uko zaje, zazanyaga na nyirazo zisubiranayo na nyirazo. Nsigera nshimishijwe no kuzagira akajya mu misi mike, aliko simbure kwigunga, kuko Nyamhinga we byari byamurakaje, agira ngo Nyirandushyi naramukubise aha alicyo kimujyana iwabo. Ntangira kunywa ngasinda nkazwana, nkaza bandemye inguma.

Nashize amezi atatu, Nyamhinga ati : "Ntugatinda mu gasozi, dore ndakuliwe cyane". Maze abimbwira nisomeye akayoga ndamwandurukana mu subiza mukenika nti : "Mhaba, ntahaba, ntikizakubuza kumbyalira. Dore nyokobukwe arahali, nzamubwira aje agusura". Ati : "Ese kwicara aha jyanze ntawe undi hafi nzabishobora ?"

Nti : "Umu mugore ki ra, imyaka itanu itandatu, ntabwo wabonye aho abandi babyara bonyine nta muntu ubari iruhende? Yewe, ibyo mwigize, aha...! Ubwo se... Cecaka aho, ahubwo kuva mu gitondo nta kumbona hano ku manywa. Guhinga byo reka, nta n'igiterekerezo cyabyo, nari maze iminsi myinshi ntafata isuka. Kuva uwo muni bugacya ngafata radiyo yanjye na muli sa kabali ngo ba. Urusimbi reka sinakubwira! Intego ngaca ibintu, aliko singira urumiya ncyura, ahubwo ngataha imyenda itabaze, ngataha nje kwikorera andi mafaranga.